Igihe umuvugizi n'umwungirije batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe abagize inteko bitoramo Perezida w'inama.

**Ingingo ya 13:**

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka mu nama zisanzwe. Inyandiko z'ubutumire zikubiyemo ibizigwa zohererezwa abanyamuryango nibura iminsi 15 mbere y'inama.

**Ingingo ya 14:**

Ku murongo w'ibyigwa n'inama ya mbere y'umwaka hagomba kubamo byanze bikunze raporo y'umwaka

**Article 12 :**

The General Assembly is summoned and presided over by the Legal representative or in case of his absence by Assistant Legal representative of the Association.

In case of absence or refusal of the legal representative and the assistant, The General Assembly is summoned in writing by one thirds of the effective members. In that case, the General Assembly elect among them selves the president of the session.

**Article 13:**

The General Assembly meets twice a year in ordinary sessions. The invitations containing the agenda are sent at least 15 days before the meeting.

**Article 14:**

On the agenda of the first meeting of the year, must obligatorily appear annual report of

d'activités du Conseil d'Administration, le rapport de l'exercice écoulé, les prévisions budgétaires ainsi que le rapport de contrôle des Commissaires aux comptes.

**Article 15:**

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quelque soit le nombre de participants.

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité des voix, celle du Président compte double.

**Article 16 :**

L'Assemblée Générale extraordinaire est convoquée et présidée dans les mêmes conditions que l'Assemblée Générale ordinaire. Les délais de sa convocation sont de 15 jours, mais en cas d'extrême urgence, ce délai peut être ramené à 7 jours. Les débats ne portent que sur l'objet de sa convocation.

**Article 17 :**

Les procès-verbaux des réunions de l'Assemblée Générale sont signés par le Président de la réunion et le Secrétaire de l'Association.

y'ibikorwa by'Inama y'Ubuyobozi, ibyagezweho mu mwaka ushize, umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka utaha na raporo y'Abagenzuzi b'imari.

**Ingingo ya 15:**

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi 15. Iyo icyo gihe kigeze, Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

Uretse ku biteganwa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri .

**Ingingo ya 16:**

Inteko Rusange idasanzwe ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Igihe cyo kuyitumira ni iminsi 15, ariko gishobora kumanurwa ku minsi 7 iyo hari impamvu yihutirwa cyane. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganijwe ku murongo w'ibyigwa.

**Ingingo ya 17:**

Inyandiko-mvugo z'Inteko Rusange zishyirwaho umukono na Perezida w'inama hamwe n'Umunyamabanga w'Umuryango.

activity of the board of directors, achievements of the past year, budget proposal for the next year and the report of the control by auditor ship.

**Article 15 :**

The General Assembly meets and makes valuable deliberations when 2/3 of the effective members are present. If the quorum is not attained, a new summon is sent in 15 days. After that time, the General Assembly meets and make valuable deliberations no matter the number of participants.

Except for the cases provided for by the law related to the non profit making associations and by the present statute, the decisions of their general Assembly are made by absolute majority of votes. In case of the equality of votes, the president's vote counts double.

**Article 16 :**

The extraordinary General Assembly is summoned and presided in the same conditions as the Ordinary General Assembly. The time for summoning is 15 days, but in case of extreme emergency, that time can be reduced to 7days. The debates cannot be on other than the objective of its summoning.

**Article 17 :**

The minutes of the meetings of the General Assembly are signed by the president and secretary of the Association.

**Deuxième Section : Du Conseil d'Administration**

**Article 18 :**

Le Conseil d'Administration est composée de :

- Président : Représentant Légal ;
- Vice-Président : Représentant Légal Suppléant;
- Secrétaire;
- Trésorier de l'association;
- Les trois Conseillers.

**Article 19 :**

Les membres du Conseil d'Administration sont élus parmi les membres effectifs de l'Association pour un mandat de cinq ans renouvelable.

En cas de démission volontaire ou forcée, prononcée par l'Assemblée Générale ou de décès d'un membre du Conseil d'Administration au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

**Article 20 :**

Le Conseil d'Administration se réunit une fois par mois et à chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président, ou en cas d'absence ou d'empêchement par le Vice-Président.

Il siège et délibère à la majorité absolue des membres. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Igice cya kabiri: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 18:**

Inama y'ubuyobozi igizwe na:

- Perezida ariwe Muvugizi w'Umuryango;
- Visi-Perezida akaba n'Umuvugizi wungirije w'umuryango;
- Umunyamabanga
- Umubitsi w'umuryango
- Abajyanama 3.

**Ingingo ya 19:**

Abagize Inama y'Ubuyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo ni imyaka itanu ishobora kongerwa.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi yeguye ku bushake, avanywe ku mwanya we n'Inteko Rusange cyangwa apfuye, umusimbuye arangiza manda ye.

**Ingingo ya 20:**

Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihamagawe na Perezida wayo, yaba adahari cyangwa atabonetse igahamagarwa na Visi-Perezida.

Iterana kandi igafata ibyemezo hakurikijwe ubwiganze busanzwe bw'abayigize. Iyo ayo majwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

**Section two: Board of Directors**

**Article 18 :**

The Board of Directors is composed of:

- President: Legal Representative;
- Vice-President: Assistant Legal Representative;
- Secretary
- Treasurer of association;
- The three Advisors.

**Article 19 :**

The members of the Board of Directors are elected among effective members of the Association for a mandate of 5 years renewable.

In case of resignation, expulsion by the General Assembly or death of members of the Board of Directors, his successor shall finish the mandate.

**Article 20 :**

The Board of Directors meet once in month and every time needed, summoned by the President, or in case of his absence by the Vice-President.

It assembles and makes decision by absolute majority of its members. In case of parity of votes, the president's vote counts double.

**Article 21 :**

Le Conseil d'Administration a pour attributions :

- Exécuter les décisions et recommandations de l'Assemblée Générale ;
- S'occuper de la gestion quotidienne de l'Association ;
- Rédiger les rapports annuels d'activités ;
- Elaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;
- Proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au Règlement d'ordre intérieur de l'Association ;
- Préparer la session de l'Assemblée Générale ;
- Négocier des financements avec les partenaires ;
- Recruter, nommer et révoquer le personnel de différents services de l'Association.

**Section troisième : Du Commissariat aux comptes**

**Article 22 :**

L'Assemblée Générale nomme annuellement un ou deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'Association et lui faire des avis.

Ils ont accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'Association. Ils rendent compte à l'Assemblée Générale.

**Ingingo ya 21:**

Inama y'Ubuyobozi ishinzwe:

- Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
- Kwita ku micungire ya buri muni y'Umuryango;
- Gukora raporo ya buri mwaka y'ibyakozwe;
- Gutegura imishinga y'ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;
- Gushyikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko shingiro n'iz'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa;
- Gutegura inama z'Inteko Rusange;
- Kugirana imishyikirano n'abaterankunga;
- Gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zinyuranye z'umuryango.

**Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari**

**Ingingo ya 22:**

Inteko Rusange ishyiraho buri mwaka Umugenzuzi w'imari umwe cyangwa babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo y'Umuryango.

Bafite kandi uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'innyandiko z'ibaruramari z'Umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko. Batanga raporo zabo mu Nteko Rusange.

**Article 21 :**

The Board of Directors is in charge of:

- Executing the decisions and recommendations of the General Assembly;
- Follow up the daily management of the Association;
- Prepare annual activity reports;
- Elaborate the budgetary bills to be submitted to the General Assembly;
- Propose to the General Assembly the modifications to the statute and the Rules of Internal Order of the Association;
- Prepare the session of the General Assembly;
- Negotiate financial support with the partners.
- Recruit, nominate and dismiss the personnel of different services of the Association.

**Section three: Auditorship**

**Article 22 :**

The General Assembly nominate annually one or two auditors with a mission to control all the time the management of finances and other assets of the Association and give advises.

With out displacing, They have access to books and records of accounts of the Association. They give report to the General Assembly.

**CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE**

**Article 23 :**

L'Association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objet.

**Article 24 :**

Le patrimoine de l'Association est constitué des cotisations des membres, les produits des travaux de l'Association, dons, legs et subventions diverses.

**Article 25 :**

Les biens de l'Association sont sa propriété exclusive. Elle affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation des objectifs de l'Association.

**Article 26 :**

En cas de dissolution de l'Association, l'Assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargés de procéder à la liquidation.

Après la réalisation de la valeur des biens meubles et immeubles de l'Association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les objectifs similaires.

**UMUTWE WA IV: UMUTUNGO**

**Ingingo ya 23:**

Ishyirahamwe rishobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa rikeneye kugira ngo rigere ku ntego yaryo.

**Ingingo ya 24:**

Umutungo w'Ishyirahamwe ugizwe n'imisanzu, ibikorwa by'Umuryango, impano, imfashanyo n'indago.

**Ingingo ya 25:**

Umutungo w'Ishyirahamwe ni uwaryo bwite. Ugenera umutungo wawo ibikorwa byose bituma ugera ku ntego yawo.

**Ingingo ya 26:**

Igihe Ishyirahamwe risheshwe, Inteko Rusange ishira umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa.

Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'agaciro k'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'Ishyirahamwe no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

**ASSOCIATION CHAPTER IV: THE PATRIMONY**

**Article 23 :**

The Association can borrow or possess movable and immovable assets necessary to achieve its objective.

**Article 24 :**

The patrimony of the Association is comprised of the contributions of the members, products of the works of the Association, donations, legacies and varied subventions.

**Article 25 :**

The assets of the Association are its exclusive property. It allocates its resources to anything that can lead to direct or indirect realization of its goal.

**Article 26 :**

In case of dissolution of the Association, the General Assembly designates one or many curators to proceed the liquidation.

After the realization of the value of the movable and immovable assets of the Association and paying the debts, the active assets will be given to another Association with similar objectives.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 27 :**

Les présents statuts peuvent faire l'objet de modifications à la majorité absolue de membres effectifs réunis en Assemblée Générale, sur proposition du Conseil d'Administration ou à la demande d'un tiers de membres effectifs.

**Article 28 :**

Sur décision de la majorité de 2/3 des membres effectifs, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'Association, sa fusion avec ou son affiliation à toute autre association poursuivant un but analogue.

**Article 29 :**

Pour ce qui n'est pas prévu dans les présents statuts, l'Association s'en référera à la loi régissant les associations sans but lucratif et au règlement d'ordre intérieur adopté par l'Assemblée Générale.

**Article 30 :**

Les présents statuts sont adoptés par les membres fondateurs de l'Association réunis en Assemblée Générale constitutive dont la liste est en annexe.

**Fait à Nyarugenge, le 03/05/2010**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 27:**

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe ku bwiganze busesuye bw'abanyamuryango nyakuri bateraniye mu Nteko Rusange, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

**Ingingo ya 28:**

Byemejwe n'abagize ubwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyakuri, Inteko Rusange ishobora gusesa Umuryango, kuwufatanya n'undi cyangwa kuwomeka ku wundi Muryango bihuje intego.

**Ingingo ya 29:**

Ku bidateganijwe muri aya mategeko shingiro, Umuryango uziyambaza itegeko rigenga imiryango idaharanira inyungu n'amabwiriza ngengamikorere yemejwe n'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 30:**

Aya mategeko shingiro yemejwe n'abashinze Umuryango bateraniye mu Nteko Rusange bari ku lisiti iyometseho.

**Bikorewe i Nyarugenge , kuwa 03/05/2010**

**CHAPTER V: FINAL DISPOSITIONS**

**Article 27 :**

The present statute can be modified by absolute majority of the effective members meeting in a General Assembly, on proposition by the Board of Directors or by 1/3 of the effective members.

**Article 28 :**

On the decision of 2/3 of effective members, the General Assembly can vote for dissolution of the Association, fusion with another or affiliation to any other Association with the same goals.

**Article 29 :**

For what is not provided for in this current statute, the association will refer to the law regulating the non profit making associations and the Rules of Internal Order adopted by the General Assembly.

**Article 30 :**

The current statutes are adopted by the founder members of the Association meeting in a General Assembly whose list is annexed.

**Done at Nyarugenge, 03/05/2010**

*Official Gazette n° 26 of 27/06/2011*

**1. Représentant Légal de Child Support Center**  
Mr. Mupenzi Léonce (sé)

**1. Umuvugizi wa Child Support Center**  
Mr. Mupenzi Léonce (sé)

**1. Legal Representative Child Support Center**  
Mr. Mupenzi Léonce (sé)

**2. V/Représentante Légale**  
Mme Mukabugingo Xavérine (sé)

**2. Umuvugizi Wungirije**  
Mme Mukabugingo Xavérine (sé)

**2. Assistant Legal Representative**  
Mme Mukabugingo Xavérine (sé)

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'ISHYIRAHAMWE  
"CHILD SUPPORT CENTER"**

---

Inama y'ishyirahamwe "CHILD SUPPORT CENTER" yateraniye mu nteko rusange yaryo kuwa 03/05/2010 ihamagajwe n'Umuyobozi waryo, Bwana MUPENZI Léonce. Inama yateraniye ku cyicaro cy'umuryango mu Gatare, mu Murenge wa Nyarugenge. Ku murongo w'ibyigwa hari:

- Gusuzuma amategeko shingiro agenga Ishyirahamwe no kuyemeza;
- Gushyiraho gahunda y'ibikorwa biteganyijwe by'umwaka;
- Gutora abagize Komite Nyobozi ;
- Kwemeza inshingano ;
- Utuntu n'utundi.

**1. Gusuzuma amategeko shingiro agenga Ishyirahamwe**

Inama yashimye amategeko shingiro agenga Ishyirahamwe ishimira cyane abayateguye, yemezwa n'abanyamuryango bose.

**2. Gushyiraho gahunda y'ibikorwa biteganyijwe by'umwaka**

Inama yashyizeho kandi yemeza gahunda y'ibikorwa Ishyirahamwe riteganyira gukora mu mwaka wa 2010.

**3. Gutora abagize Komite Nyobozi**

Abanyamuryango b'ishyirahamwe « Child Support Center » bitoyemo abagize Komite Nyobozi yaryo, aribo Perezida, Visi/Perezida, Umwanditsi n'Umubitsi.

**4. Kwemeza inshingano**

Inama yahaye inshingano bamwe mu bagize ishyirahamwe nyuma yo kubatora.

**5. Utuntu n'utundi**

Abari bitabiriye inama bishimiye ko ishyirahamwe « Child Support Center » rimaze gutera imbere bongera kwiyemeza kurushaho gukora neza. Inama yarangiye saa 16:05' z'umugoroba.

Bikorewe i Nyarugenge kuwa 03/05/2010

Umwanditsi

**MUKESHIMANA Aline (sé)**

**INYANDIKO YEMEZA KOMITE YATOWE**

Twebwe abanyamuryango-shingiro b'ishyirahamwe "CHILD SUPPORT CENTER" turemeza ko bwana **MUPENZI Léonce** ariwe Perezida w'inama y'ubuyobozi w'Ishyirahamwe akaba ari nawe muvugizi waryo (Représentant légal); turemeza ko **MUKABUGINGO Xavérine** ari visi Perezida akaba n'umuvugizi wungirije w'Ishyirahamwe (Représentant légal suppléant), turemeza ko **MUKESHIMANA Aline** ari umwanditsi w'ishyirahamwe, turemeza kandi ko **MUKAMFIZI Thérèse** ari umubitsi w'ishyirahamwe "Child Support Center"

| <i>AMAZINA</i>       | <i>ICYO ASHINZWE</i> | <i>UMUKONO</i> |
|----------------------|----------------------|----------------|
| MUPENZI Léonce       | Président            | (sé)           |
| MUKABUGINGO Xavérine | V/Président          | (sé)           |
| MUKESHIMANA Aline    | Umwanditsi           | (sé)           |
| MUKAMFIZI Thérèse    | Umubitsi             | (sé)           |

**ABAGIZE INTEKO RUSANGE Y'UMURYANGO "CHILD SUPPORT CENTER"**

| <i>AMAZINA</i>               | <i>AHO ABARIZWA</i> | <i>N° CI</i>     | <i>UMUKONO</i> |
|------------------------------|---------------------|------------------|----------------|
| MUPENZI Léonce               | Kicukiro            | 1198080020486054 | (sé)           |
| MUKABUGINGO Xavérine         | Nyarugenge          | 1196970000559027 | (sé)           |
| MUKAMFIZI Thérèse            | Nyarugenge          | 1195070000574017 | (sé)           |
| MUKESHIMANA Aline            | Kicukiro            | 1198570018717002 | (sé)           |
| INEZA Nicole                 | Kicukiro            | 1198670188236070 | (sé)           |
| HARERIMANA<br>Yves Théoneste | Nyarugenge          | 1197480003047005 | (sé)           |
| GAHITSI Jean Baptiste        | Kicukiro            | 1198380156620072 | (sé)           |

**INYANDIKO YA PEREZIDA NA VISI PEREZIDA B'ISHYIRAHAMWE YEMEZA KO BAHAGARARIYE ISHYIRAHAMWE**

Twebwe, MUPENZI Léonce, Umuvugizi w'Ishyirahamwe «Child Support Center» na MUKABUGINGO Xavérine, Umuvugizi Wungirije wa «Child Support Center», twemeye guhagararira ishyirahamwe "Child Support Center".

**Umuvugizi w'ishyirahamwe  
Child Support Center  
MUPENZI Léonce (sé)**

**Umuvugizi Wungirije w'ishyirahamwe  
Child Support Center  
MUKABUGINGO Xavérine (sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°73/08.11 RYO  
KUWA 25/04/2011 RIHA  
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO  
«KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)»  
KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N°73/08.11 OF  
25/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS  
TO THE ASSOCIATION «KIGALI  
FREEDOM SCHOOL (KFS)» AND  
APPROVING ITS LEGAL  
REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N°73/08.11 DU  
25/04/2011 ACCORDANT LA  
PERSONNALITE CIVILE A  
L'ASSOCIATION «KIGALI FREEDOM  
SCHOOL (KFS)» ET PORTANT AGREMENT  
DE SES REPRESENTANTS LEGAUX**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** Izina n'icyicaro  
by'umuryango

**Article One:** Name and Head Office of  
the Association

**Article premier:** Dénomination et siège  
de l'association

**Ingingo ya 2 :** Intego z'umuryango

**Article 2:** Objectives of the Association

**Article 2 :** Objectifs de l'association

**Ingingo ya 3:** Abavugizi b'umuryango

**Article3:** Legal Representatives

**Article 3 :** Représentants Légaux

**Ingingo ya 4:** Igihe iteka ritangira  
gukurikizwa

**Article 4:** Commencement

**Article 4 :** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 73/08.11 RYO KUWA 25/04/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)» KANDI RYEMEZA ABAVUGIZI BAWO**

**MINISTERIAL ORDER N°73/08.11 OF 25/04/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES**

**ARRETE MINISTERIEL N°73/08.11 DU 25/04/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX**

**Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,**

**The Minister of Justice/ Attorney General,**

**Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20 ;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Abisabwe n' Umuvugizi w'umuryango «**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 23/09/2010;

On request lodged by the Legal Representative of the Association «**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» on 23/09/2010;

Sur requête de la Représentante Légale de L'association «**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» reçue le 23/09/2010;

**ATEGETSE :**

**HEREBY ORDERS :**

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere:** Izina n'Icyicaro by'Umuryango

**Article One:** Name and Head Office of the Association

**Article premier:** Dénomination et siège de l'association

Ubuzimagatozi buhawe, umuryango «**KIGALI**

Legal status is hereby granted to the Association

La personnalité civile est accordée à l'association

**FREEDOM SCHOOL (KFS)**» ufite icyicaro mu karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 2 : Intego z’umuryango**

Umuryango ugamije:

a)guhindura imitekereze ,imitwarire n’ingeso by’abantu mu kurwanya ikwirakwizwa rya SIDA mu RWANDA,cyane cyane mu bigo by’amashuri yisumbuye.

b)kurwanya ikwirakwizwa rya SIDA,gusura no gufasha abana n’ abarwayi bari mu bitaro:

c)guhugura abanduye agakoko ka SIDA ku buryo bagomba kwitwara kugira ngo barammbe kandi birinde kwanduzwa abandi;

d)gutegurira abarwayi bagifite imbaraga imishinga ibabyarira inyungu;

e)kurwanya akato gahabwa abanduye SIDA no kubakura mu bwigunge;

f)kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide mu rubyiruko;

g) gushishikariza urubyiruko gahunda za Leta.

**Ingingo ya 3: Abavugizi b’umuryango**

Uwemerewe kuba Umuvugizi w’umuryango «**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» ni **Madamu NIYONSHUTI Claudette**,

«**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» situe at Nyarugenge District, in Kigali city.

**Article 2: Objectives of the Association**

The Association shall have the following objectives:

a)assess knowledge, attitudes and practices of people in fighting HIV/AIDS transmission in Rwanda, especially in the secondary schools

b)Fight against the propagation of HIV/AIDS, visit an assist children and patients in hospitals;

c)Train the HIV/AIDS patients upon the appropriat behaviour for more longevity and avoid contaminating others;

d)Elaborate income generating projects in favour of the patients who are still strong;

e)Fight against HIV/AIDS patients dropout so as to trap them from loneliness;

f)Fight against genocide ideology within the youth;

g) sensitize the youth to the government programmes.

**Article 3: Legal Representatives**

**Ms NIYONSHUTI Claudette** of Rwandan nationality, residing in Gikondo Sector, Kicukiro District, in Kigali City is hereby authorised to be

«**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**» dont le siège est dans le District de Nyarugenge, dans la Ville de Kigali.

**Article 2 : Objectifs de l’association**

L’association a pour objectif:

a) changer les connaissances, les attitudes et les pratiques des gens pour lutter contre la transmission du VIH/SIDA Rwanda , spécialement dans les écoles

b) Lutter contre la propagation du VIH/SIDA, visiter assister les enfants et les patients hospitalisés;

c)Former les séropositifs sur la conduite à adopter ur plus de longévité et pour se garder de ntaminer les autres;

d)Elaborer des projets générateurs de revenus en faveur des séropositifs ayant encore de la force;

e)Lutter contre la marginalisation dont sont victimes les séropositifs et les sortir de la solitude;

f)Lutter contre l’ideologie du genocide au sein de la jeunesse;

g) Intéresser les jeunes aux programmes de l’Etat.

**Article 3 : Représentants Légaux**

Est agréée en qualité de Représentante Légale de l’association «**KIGALI FREEDOM SCHOOL**

umunyarwandakazi, utuye mu Murenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wungirije w'uwu muryango ni **Madamu INGABIRE Lydia**, Umunyarwandakazi utuye mu Murenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa **25/04/2011**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

the Legal Representative of Association «**KIGALI FREEDOM SCHOOL (KFS)**».

**Ms INGABIRE Lydia**, of Rwandan nationality, residing in Kigarama Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **25/04/2011**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

**(KFS)» Madame NIYONSHUTI Claudette**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Gikondo, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

Est agréée en qualité de Représentante Légale Suppléante de la même association, **Madame INGABIRE Lydia**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Kigarama, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **25/04/2011**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

**UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU:  
KIGALI FREEDOM SCHOOL (K.F.S.)**

**AMATEGEKO SHINGIRO**

**UMUTWE WA MBERE:  
IZINA, ICYICARO, IGIHE N'INTEGO**

**Ingingo ya mbere:**

Abashyize umukono kuri aya mategeko bashinze umuryango wilwa «Kigali Freedom School», K.F.S. mu magambo ahinnye, ugengwa n'Itegeko N°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira.

**Ingingo ya 2:**

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe i Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umuji wa Kigali. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi byemejwe na bibiri bya gaturu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri.

**Ingingo ya 3:**

Umuryango ukorerwa imirimo yawo mu Rwanda hose. Igihe uzamara ntikigenwe.

**Ingingo ya 4:**

Umuryango ugamije:

a) guhindura imitekerereze, imyitwarire n'ingeso by'abantu mu kurwanya ikwirakwizwa rya SIDA mu Rwanda, cyane cyane mu bigo by'amashuri yisumbuye;

**ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF:  
KIGALI FREEDOM SCHOOL (K.F.S.)**

**STATUTS**

**CHAPITRE PREMIER:  
DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET  
OBJET**

**Article premier:**

Il est constitué entre les personnes soussignées, une association dénommée «Kigali Freedom School», K.F.S. en cige, régie par la loi N° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif.

**Article 2:**

Le siège de l'association est établi à Kigali, District de Nyarugenge, Ville de Kigali. Il peut néanmoins être transféré ailleurs sur décision de deux tiers (2/3) des membres effectifs.

**Article 3:**

L'association exerce ses activités sur tout le territoire rwandais. il est créé pour une durée indéterminée.

**Article 4:**

L'association a pour but de:

a) changer les connaissances, les attitudes et les pratiques des gens pour lutter contre la transmission du VIH/SIDA au Rwanda, spécialement dans des écoles secondaires:

**NON PROFIT MAKING ORGANIZATION:  
KIGALI FREEDOM SCHOOL (K.F.S.)**

**STATUTES**

**CHAPTER ONE:  
NAME HEAD OFFICE. DURATION AND  
OBJECTIVE**

**Article One:**

The undersigned people convene to create association named «Kigali Freedom School», K.F.S in short, governed by the Law N°20/2000 of 26/07/2000 relating to non profit making organizations.

**Article 2:**

The registered office of the association shall be locat in Kigali, Nyarugenge District, Kigali City. It may how be shifted to another pace upon the decision from two third (2/3) of the duly registered members.

**Article 3:**

The association shall carry out its activities all aver the Rwandan territory. It is created for an unlimited term.

**Article 4:**

The association has following aims:

a) Assess knowledge, attitudes and practices of people fighting HIV/AIDS transmission in Rwanda, specifically the secondary schools:

- |   |  |   |
|---|--|---|
| b) kurwanya ikwirakwiza rya SIDA, gusura no gufasha abana n'abarwayi bari mu bitaro;                            | b) lutter contre la propagation du VIH/SIDA, visiter et assister les enfants et les patients hospitalisés;                     | b) Fight against the propagation of HIV/AIDS, visit and assist children and patients in hospitals             |
| c) guhugura abanduye agakoko ka SIDA ku buryo bagomba kwitwara kugirango barambe kandi birinde kwanduza abandi; | c) former les malades du VIH/SIDA sur la conduite à adopter pour plus de longévité et pour se garder de contaminer les autres; | c) Train the HIV/AIDS patients upon the appropriate behavior for more longevity and avoid contaminate others; |
| d) gutegurira abarwayi bagifite imbaraga imishinga ibabyarira inyungu;  | d) élaborer des projets générateurs de revenus en faveur des séropositifs ayant encore de la force;                            | d) Elaborate generating income project in favour of the patients still strong;                                |
| e) kurwanya akato gahabwa abanduye SIDA no kubakura mu bwigunge;  | e) lutter contre la marginalisation dont sont victimes les malades du SIDA et les sortir de la solitude;                       | e) Fight against HIV/AIDS patients' dropout so as to dram them from loneliness;                               |
| f) kurwanya ingengabitekerezo ya jenocide murubwiruko;  | f) lutter contre l'idéologie du génocide au sein de la jeunesse;   | f) Fight against genocide ideology within the youth;  |
| g) gushishikariza urubwiruko gahunda za Leta.   | g) intéresser les jeunes aux programmes de l'Etat.   | g) Sensitize the youth to the Government programmes.  |

## **UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO**

### **Ingingo ya 5:**

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abazawinjiramo n'ab'icyubahiro. Abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro. Abayinjiyemo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, maze bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abashinze umuryango n'abawinjiramo nibo banyamuryango nyakuri. Baza mu Nteko Rusange bafite uburenganzira bwo gutora kandi bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.

## **CHAPITRE II: DES MEMBRES**

### **Article 5:**

L'association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur. Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.

Les membres adhérents sont des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'association. Ils assistent à l'Assemblée Générale avec voix délibérative et ont l'obligation de verser une cotisation dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

## **CHAPTER II: MEMBERSHIP**

### **Article 5:**

The association shall be composed of founder members, adherent members and honorary members. Founder members are the signatories of these statutes.

Adherent members are moral persons which, upon request and after subscription to these statutes shall be agreed by the General Assembly.

Founder members and adherent members shall constitute the duly registered members of the association. They shall attend the General Assembly with the right to vote and have to pay a contribution determined by the General Assembly.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange ibisabwe n'inama y'ubuyobozi, kubera inkunqa ishishijye batera umuryango. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

**Ingingo ya 6:**

Kureka kuba umunyamuryango biterwa n'urupfu, gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'umuryango.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida w'Inama y'ubuyobozi kandi bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa ninteko Rusange ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango.

**UMUTWE WA III: IBYEREKEVE**  
**UMUTUNGO**

**Ingingo ya 7:**

Umuryango ushobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ntego zawo.

**Ingingo ya 9:**

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano n'imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa byawo.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale, sur proposition du Conseil d'Administration, décerne ce titre le soutien appréciable apporté à l'association. Ils jouent un rôle consultatif, mais n'ont pas de voix délibérative.

**Article 6:**

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Conseil d'Administration de l'association et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de deux tiers (2/3) des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'association.

**CHAPITRE III: DU PATRIMOINE**

**Article 7:**

L'association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

**Article 9:**

Le patrimoine de l'association est constitué par cotisations des membres, les dons et les legs, les subventions diverses ainsi que le produit de ses activités.

Honorary members are physical or moral persons which shall be awarded that title by the General Assembly upon proposal from the Board of Directors due to appreciable support provided to the association.

**Article 6:**

Loss of membership shall be caused by death, voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

Written applications for voluntary resignation shall be addressed to the President of the Board of Directors of the association and approved by the general Assembly.

Exclusion shall be adopted by the General Assembly upon the two third (2/3) majority votes against any member who no longer conforms to the present statutes and the internal regulations of the association.

**CHAPTER III: THE ASSETS**

**Article 7:**

The association may hire or own movable immovable properties needed to achieve its objectives.

**Article 9:**

The asset of the association shall come from the contributions of the members, donations, grants, subsidies and the produce generated by its activities.

**Ingingo ya 10:**

Umuryango ugenera umtungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

**Ingingo ya 11:**

Amafaranga y'umuryango abikwa muri banki yemejwe n'Inteko Rusange. Impapuro zo kubikuzwa amafaranga zishyirwaho umukono w'Umuvugizi w'umuryango cyangwa Umwungirije n'uw'Umubitsi.

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE INZEGO**

**Article 12:**

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, inama y'Ubuyobozi n'tibugenzuzi bw'umuryango.

**Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange**

**Ingingo ya 13:**

Inteko rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

**Ingingo ya 14:**

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- a) kwemeza no guhindura amategeko n'amabwiriza ngengamikorere by'umuryango;
- b) gushyiraho no kumanaho abagize nama

**Article 10:**

L'association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de ses objectifs.

Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'association.

**Article 11 :**

Les fonds de l'association sont déposés dans une banque déterminée par l'Assemblée Générale. Tout retrait des fonds requiert deux signatures conjointes, celle du Représentant Légal ou de son Suppléant avec celle du Trésorier.

**CHAPITRE IV : DES ORGANES**

**Article 12 :**

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, Conseil d'Administration et Commissariat aux comptes.

**Section première : De l'Assemblée Générale**

**Article 13 :**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres effectifs.

**Article 14 :**

Les pouvoirs de l'Assemblée Générale sont :

- a) adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'association ;
- b) nommer et révoquer les membres du Conseil

**Article 10:**

The assets of the association shall be allocated to all that may directly or indirectly contribute to the achievement of its objectives.

No member shall have the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, expulsion or dissolution of the association.

**Article 11:**

The funds of the association shall be deposited in a bank agreed upon by the General Assembly. Each withdrawal of money shall require two joint signatures, that of the Legal Representative or the Deputy and that of the Treasurer.

**CHAPTER IV: THE ORGANS**

**Article 12:**

The organs of the association are the General Assembly, the Board of Directors and the Audit Committee.

**Section one: The General Assembly**

**Article 13:**

The General Assembly is the supreme body of the association. It shall be composed of all the duly registered members.

**Article 14:**

The General Assembly has the following powers:

- a) adopt and modify the statutes and internal regulations of the association;
- b) appoint and dismiss members of the Board of

y'ubuyobozi n'abagenzuzi b'imari;  
c)kwemeza ibyo umuryango uzakora  
d)kwakira, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;  
e)kwemeza buri.mwaka imicungire y'imari;  
f)kwemera impano n'indagano;  
g)gufata icyemezo cyo gusesa umuryango.

**Ingingo ya 15:**

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi: yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

Iyo Perezida na Visi-Perezida bombi badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko iriho imikono ya kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'inama.

**Ingingo ya 16:**

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka mu nama zisanzwe na buri gihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe. Inzandiko z'ubuturire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa zohererezwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 17**

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu (15).

Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata

d'Administration et des Commissaires aux comptes :  
c) déterminer les activités de l'association  
d)admettre, suspendre ou exclure un membre ;  
e) approuver les comptes annuels :  
f) accepter les dons et legs :  
g) décider de la dissolution de l'association.

**Article 15 :**

